REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko hateganyijwe amatora y'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ku wa 16/08/2024.

**Abifuza gutanga kandidatire ku mwanya w'Abajyanama bahagararira Akarere mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali baramenyeshwa ko kwakira kandidatire bizakorwa kuva ku wa 23/07-01/08/2024.**

Utanga kandidatire agomba kuba ari Umunyarwanda wujuje nibura imyaka 21 y'amavuko, udafite imiziro iteganywa n'Itegeko Ngenga n° 001/2019 ryo ku wa 29/07/2019.OL rigenga amatora nk'uko ryahinduwe.

Kandidatire itangwa mu ibaruwa yandikiwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igaragaza Akarere yifuza kwiyamamarizamo, kandi iherekejwe n'inyandiko zikurikira:

(1) Umwirondoro (CV) ugaragaza;
  (a) amazina ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
  (b) itariki y'amavuko n'aho yavukiye;
  (c) umurimo akora n'aho aba.

(2) Amafoto abiri magufi y'amabara afite imbuganyuma y'ibara ry'umweru;

(3) Icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, gitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru;

(4) Fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;

(5) Fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;

(6) Inyandiko uwifuza kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko zose yatanze ari ukuri.

**Icyitonderwa**: Kandidatire zishyikirizwa Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali mu masaha y'akazi cyangwa zigatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga kuri email: kandidatire@nec.gov.rw

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/07/2024

**GASINZIGWA Oda**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

PO BOX: 6449 Kigali Tel: +250788198819 E-mail : info@nec.gov.rw Website: www.nec.gov